# Yewe Ntumwa y'Imana! Nta na kimwe mu byaha nasize inyuma cyaba kinini cyangwa se gito ntakoze! Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramubaza iti: Ese ntuhamya ko nta yindi mana yo kugaragirwa usibye Imana imwe rukumbi na Muhamadi akaba Intumwa yayo?

Hadithi yaturutse kwa Anas (Imana imwishimire) yaravuze ati: Umugabo umwe yaje ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) maze arayibaza ati: Yewe Ntumwa y'Imana! Nta na kimwe mu byaha nasize inyuma cyaba kinini cyangwa se gito ntakoze! Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramubaza iti: Ese ntuhamya ko nta yindi mana yo kugaragirwa usibye Imana imwe rukumbi na Muhamadi akaba Intumwa yayo? Ibivuga inshuro eshatu! Wa mugabo arayisubiza ati: Yego! Intumwa iramubwira iti: Ibyo wavuze bihanagura biriya uvuga wakoze!
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Abu Ya'ala, na A-Twabaraniy na A-Dwiya'ul Maqdasiy]

Umugabo umwe yaje ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) arayibaza ati: Yewe Ntumwa y'Imana! Ibyaha byose bibaho narabikoze nta na kimwe nasize cyaba gito cyangwa se kinini usibye ko nagikoze; ese nzababarirwa? Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramubaza iti: Ese ntuhamya ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri usibye Allah, ukanahamya ko Muhamadi ari Intumwa ya Allah? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ibisubiramo inshuro eshatu! Wa mugabo arayubiza ati: Yego, ndabihamya! Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) imubwira ibyiza by'ubwo buhamya bwombi ko butuma ubabarirwa ibyaha, kandi ko kwicuza bivanaho ibyaha byakubanjirije.



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee